This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **14/01/2013**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 2:** Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 3:** Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **14/01/2013**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

<b>ITEGEKO N° 01/2013 RYO KUWA 01/02/2013 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU IBYEMEZO NDAKUKA BY'INAMA NKURU Y'UMURYANGO MPUZAMAHANGA W'ITUMANAHO BYASHYIRIWEHO UMUKONO I GUADALAJARA MURI MEXIQUE KUWA 22 UKWAKIRA 2010</b>	<b>LAW N° 01/2013 OF 01/02/2013 AUTHORISING THE RATIFICATION OF THE FINAL ACTS OF THE PLENIPOTENTIARY CONFERENCE OF THE INTERNATIONAL TELECOMMUNICATION UNION ADOPTED AT GUADALAJARA IN MEXICO ON 22 OCTOBER 2010</b>	<b>LOI N° 01/2013 DU 01/02/2013 AUTORISANT LA RATIFICATION DES ACTES FINALS DE LA CONFERENCE DE PLENIPOTENTIAIRES DE L'UNION INTERNATIONALE DES TELECOMMUNICATIONS ADOPTES A GUADALAJARA AU MEXIQUE LE 22 OCTOBRE 2010</b>
---	---	--

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo kwemeza burundu**

**Article One: Authorisation for ratification**

**Article premier: Autorisation de ratification**

**Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Ingingo ya 3: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

**Article 3: Commencement**

**Article 3: Entrée en vigueur**



*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

<b>ITEGEKO N° 01/2013 RYO KUWA 01/02/2013 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU IBYEMEZO NDAKUKA BY'INAMA NKURU Y'UMURYANGO MPUZAMAHANGA W'ITUMANAHO BYASHYIRIWEHO UMUKONO I GUADALAJARA MURI MEXIQUE KUWA 22 UKWAKIRA 2010</b>	<b>LAW N° 01/2013 OF 01/02/2013 AUTHORISING THE RATIFICATION OF THE FINAL ACTS OF THE PLENIPOTENTIARY CONFERENCE OF THE INTERNATIONAL TELECOMMUNICATION UNION ADOPTED AT GUADALAJARA IN MEXICO ON 22 OCTOBER 2010</b>	<b>LOI N° 01/2013 DU 01/02/2013 AUTORISANT LA RATIFICATION DES ACTES FINALS DE LA CONFERENCE DE PLENIPOTENTIAIRES DE L'UNION INTERNATIONALE DES TELECOMMUNICATIONS ADOPTES A GUADALAJARA AU MEXIQUE LE 22 OCTOBRE 2010</b>
---	---	--

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

<b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b>	<b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b>	<b>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA</b>
--	---	--

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 27 Ukuboza 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 27 December 2012;

La Chambre des Députés, réunie en sa séance du 27 décembre 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 27 Ukuboza 2012;

The Senate, in its session of 27 December 2012;

Le Sénat, réuni en sa séance du 27 décembre 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 189, iya 190 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 189, 190 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 189, 190 et 201 ;

*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

Imaze gusuzuma Ibyemezo Ndakuka by’Inama Nkuru y’Umuryango Mpuzamahanga w’Itumanaho byashyiriweho umukono i Guadalajara muri Mexique kuwa 22 Ukwakira 2010 ;

Having considered the Final Acts of the Plenipotentiary Conference of the International Telecommunication Union adopted at Guadalajara, in Mexico on 22 October 2010;

Après examen des Actes Finals de la Conférence de Plénipotentiaires de l’Union Internationale des Télécommunications adoptés à Guadalajara au Mexique, le 22 octobre 2010;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo kwemeza burundu**

**Article One: Authorisation for ratification**

**Article premier: Autorisation de ratification**

Ibyemezo Ndakuka by’Inama Nkuru y’Umuryango Mpuzamahanga w’Itumanaho byashyiriweho umukono i Guadalajara muri Mexique kuwa 22 Ukwakira 2010 byemerewe kwemezwa burundu.

The Final Acts of the Plenipotentiary Conference of the International Telecommunication Union adopted at Guadalajara in Mexico on 22 October 2010 are hereby authorized for ratification.

Les Actes Finals de la Conférence de Plénipotentiaires de l’Union Internationale des Télécommunications adoptés à Guadalajara au Mexique le 22 octobre 2010 sont autorisés à être ratifiés.

**Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko**

**Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 3: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 3: Commencement**

**Article 3: Entrée en vigueur**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

Kigali, kuwa **01/02/2013**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **01/02/2013**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **01/02/2013**

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

<b>ITEGEKO N°02/2013 RYO KUWA 08/02/2013 RIGENGA ITANGAZAMAKURU</b>	<b>LAW N°02/2013 OF 08/02/2013 REGULATING MEDIA</b>	<b>LOI N°02/2013 DU 08/02/2013 REGISSANT LES MEDIAS</b>
<b><u>ISHAKIRO</u></b>	<b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b>	<b><u>TABLE DES MATIERES</u></b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b>	<b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose of this law</u></b>	<b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b>
<b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></b>	<b><u>Article 2: Definitions of terms</u></b>	<b><u>Article 2: Définitions des termes</u></b>
<b><u>UMUTWE WA II: UMWUGA W'UBUNYAMAKURU</u></b>	<b><u>CHAPTER II: JOURNALISM PROFESSION</u></b>	<b><u>CHAPITRE II: PROFESSION DE JOURNALISME</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mbere: Ibisabwa abakora umwuga w'itangazamakuru</u></b>	<b><u>Section One: Requirements for exercising journalism profession</u></b>	<b><u>Section première : Conditions exigées pour exercer la profession de journalisme</u></b>
<b><u>Ingingo ya 3: Uburenganzira bwo gukora umwuga w'itangazamakuru</u></b>	<b><u>Article 3: Right to exercise the profession of journalism</u></b>	<b><u>Article 3: Droit d'exercer la profession de journalisme</u></b>
<b><u>Ingingo ya 4: Kugenzura itangazamakuru</u></b>	<b><u>Article 4: Regulation of media</u></b>	<b><u>Article 4: Régulation des médias</u></b>
<b><u>Icyiciro cya 2: Inshingano z'abanyamakuru n'iby babujijwe</u></b>	<b><u>Section 2: Obligations and restrictions of journalists</u></b>	<b><u>Section 2 : Obligations et restrictions des journalistes</u></b>
<b><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'umunyamakuru</u></b>	<b><u>Article 5: Obligations of a journalist</u></b>	<b><u>Article 5 : Obligations du journaliste</u></b>
<b><u>Ingingo ya 6: Ibyo umunyamakuru abujijwe gutangaza</u></b>	<b><u>Article 6: Prohibited publications to a journalist</u></b>	<b><u>Article 6: Publications interdites au journaliste</u></b>
<b><u>Ingingo ya 7: Ibibujijwe mu itangazamakuru rigenewe abana</u></b>	<b><u>Article 7: Restrictions to media meant for children</u></b>	<b><u>Article 7: Restrictions aux médias destinés aux enfants</u></b>

<b><u>Icyiciro cya 3:</u></b> Ubwisanzure bw'itangamakuru	<b><u>Section 3:</u></b> Freedom of the media	<b><u>Section 3 :</u></b> Liberté des médias
<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Ubwisanzure bwo kumenya amakuru n'ubwo kuyatangaza	<b><u>Article 8:</u></b> Freedom to receive and broadcast information	<b><u>Article 8:</u></b> Liberté de recevoir et de diffuser des informations
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Aho ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya amakuru bugarukira	<b><u>Article 9:</u></b> Limits to freedom of opinions and information	<b><u>Article 9:</u></b> Limites à la liberté d'opinions et d'information
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Uko gufatira bikorwa	<b><u>Article 10:</u></b> Modalities for seizure	<b><u>Article 10:</u></b> Modalités de saisie
<b><u>UMUTWE WA III:</u></b> UBURENGANZIRA BW'ABANYAMAKURU	<b><u>CHAPTER III:</u></b> RIGHTS OF JOURNALISTS	<b><u>CHAPITRE III:</u></b> DROITS DES JOURNALISTES
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Uburenganzira bwo gushinga ikigo cy'itangamakuru	<b><u>Article 11:</u></b> Right to establish a media enterprise	<b><u>Article 11:</u></b> Droit de création d'une entreprise de médias
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Uburenganzira bwo gutara amakuru	<b><u>Article 12:</u></b> Right to collect information	<b><u>Article 12:</u></b> Droit de collecte d'information
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Iyubahirizwa ry'ibanga ry'umunyamakuru	<b><u>Article 13:</u></b> Respect of a journalist confidentiality	<b><u>Article 13:</u></b> Respect du secret professionnel du journaliste
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Uburenganzira bw'umunyamakuru bwo kwifashisha undi muntu n'abamuha amabwiriza	<b><u>Article 14:</u></b> Right of a journalist to call on any resourceful person and those who provide instructions to him/her	<b><u>Article 14:</u></b> Droit du journaliste de se servir d'une personne ressource ou de ceux qui lui donnent des directives
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Uburyo umunyamakuru asaba kurenganurwa	<b><u>Article 15:</u></b> Remedies available to the journalist	<b><u>Article 15:</u></b> Voie de recours du journaliste
<b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> IMIKORERE Y'IBITANGAZAMAKURU	<b><u>CHAPTER IV:</u></b> FUNCTIONING OF MEDIA ORGANS	<b><u>CHAPITRE IV:</u></b> FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE MEDIAS
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u></b> Ingingo rusange	<b><u>Section One :</u></b> General provisions	<b><u>Section première:</u></b> Dispositions générales

<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ibisabwa mu gutangiza igitangazamakuru	<b><u>Article 16:</u></b> Requirements to launch a media organ	<b><u>Article 16:</u></b> Conditions de lancement d'un organe de médias
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Utemerewe kuba Umuyobozi cyangwa Umwanditsi Mukuru w'igitangazamakuru	<b><u>Article 17:</u></b> Person not entitled to be a Publishing Director or a Chief-Editor	<b><u>Article 17:</u></b> Personne ne pouvant pas être Directeur ou Rédacteur en Chef d'un organe de médias
<b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Itangazamakuru rikoresha amajwi, amashusho cyangwa amajwi n'amashusho	<b><u>Section 2:</u></b> Audio, visual or Audiovisual media	<b><u>Section 2:</u></b> Médias audio, visuels ou audiovisuels
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Guhitisha gahunda z'ikindi gitangazamakuru	<b><u>Article 18:</u></b> Broadcasting programs of another media organ	<b><u>Article 18:</u></b> Diffusion des programmes d'un autre organe de médias
<b><u>Icyicirocya 3:</u></b> Itangazamakuru rikoresha interineti	<b><u>Section 3:</u></b> Internet based Media	<b><u>Section 3:</u></b> Médias utilisant l'internet
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Uburenganzira bwo gukora urubuga rwa interineti	<b><u>Article 19:</u></b> Right to a website	<b><u>Article 19:</u></b> Droit au site internet
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Ikurikizwa ry'ingingo z'iri tegeko	<b><u>Article 20:</u></b> Enforcement of provisions of this law	<b><u>Article 20:</u></b> Application des dispositions de la présente loi
<b><u>UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA BWO GUKOSORA, GUSUBIZA NO KUGORORA</u></b>	<b><u>CHAPTER V: RIGHT OF CORRECTION, REPLY AND RECTIFICATION</u></b>	<b><u>CHAPITRE V: DROIT DE CORRECTION, DE RÉPONSE ET DE RECTIFICATION</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mbere :</u></b> Uburenganzira bwo gukosora, gusubiza no kugorora mu itangazamakuru ryanditse	<b><u>Section One:</u></b> Right of correction, reply and rectification in print media	<b><u>Section 2 :</u></b> Droit de correction, de réponse et de rectification dans la presse écrite
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Uburenganzira bwo gusaba gukosora, gusubiza cyangwa kugorora	<b><u>Article 21:</u></b> Right of correction, reply or rectification	<b><u>Article 21:</u></b> Droit de correction, de réponse ou de rectification
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Inzego n'Imiryango bikoresha uburenganzira bwo gusubiza, gukosora	<b><u>Article 22:</u></b> Bodies and Organisations exercising the right of reply, correction or rectification	<b><u>Article 22:</u></b> Organes et organisations exerçant le droit de réponse, de correction ou de

cyangwa kugorora

rectification

Ingingo ya 23: Kubika ibiganiro n'amakuru

Article 23: Keeping of records and programmes

Article 23: Conservation des enregistrements des émissions

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuraniye n'iri tegeko

Article 25: Repealing provision

Article 25: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 26: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 26: Commencement

Article 26: Entrée en vigueur

*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

**ITEGEKO N°02/2013 RYO KUWA 08/02/2013  
RIGENGA ITANGAZAMAKURU**

**LAW N°02/2013 OF 08/02/2013  
REGULATING MEDIA**

**LOI N°02/2013 DU 08/02/2013 REGISSANT  
LES MEDIAS**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI  
DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU  
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U  
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE  
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI  
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL  
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU  
RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 19  
Ugushyingo 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of  
19 November 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du  
19 novembre 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 15  
Ugushyingo 2012;

The Senate, in its session of 15 November 2012;

Le Sénat, en sa séance du 15 novembre 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u  
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk’uko  
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo, iya 33, iya 34, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88,  
iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya  
108 n’iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in Articles 33, 34, 62, 66, 67, 88, 89,  
90, 92, 93, 94, 95, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda  
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,  
spécialement en ses articles 33, 34, 62, 66, 67, 88,  
89, 90, 92, 93, 94, 95, 108 et 201 ;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo kuwa  
16 Ukuboza 1966 yerekeye Uburenganzira mu  
by’Imbonezamubano no mu bya Politiki, nk’uko  
yemejwe n’Itegeko-teka n° 08/75 ryo kuwa

Pursuant to the International Covenant of 16  
December 1966 on Civil and Political Rights, as  
ratified by the Decree-Law n° 08/75 of 12/02/1975  
especially, in Articles 19 and 20;

Vu le Pacte International du 16 décembre 1966  
relatif aux Droits Civils et Politiques, tel que  
ratifié par le Décret-loi n° 08/75 du 12/02/1975,  
spécialement en ses articles 19 et 20;



*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

12/02/1975, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 19 n'ya 20;

Isingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremhamuntu n'ubw'abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981, nk'uko yemejwe n'itegeko n° 10/1983 ryo kuwa 17/5/1983, cyane cyane mu ngingo yayo ya 9;

Isubiye ku Itegeko n° 22/2009 ryo kuwa 12/08/2009 rigenga itangazamakuru;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena uburenganzira, inshingano, imiterere n'imikorere by'itangazamakuru mu Rwanda hagamijwe inyungu rusange za rubanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

**1° gusebanya:** uburyo bwo gukoresha amagambo, inyandiko, amashusho, ururimi rw'amarenga cyangwa amafoto bitari ukuri hagamijwe gutesha umuntu agaciro n'icyubahiro;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981, as ratified by the Law n° 10/1983 of 17/5/1983, especially in Article 9;

Having reviewed Law n° 22/2009 of 12/08/2009 on the media;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines rights, obligations, organization and functioning of media in Rwanda for the general interest.

**Article 2: Definitions of terms**

In this Law, the following terms shall be defined as follows:

**1° defamation:** intentional false communication, either through oral or written statements, visual elements, photographs or gestures with intention to harm a person's reputation and respect;

Vu la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981, telle que ratifiée par la Loi n° 10/1983 of 17/5/1983, spécialement en son article 9;

Revu la loi n° 22/2009 of 12/08/2009 régissant la presse ;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi définit les droits, les obligations, l'organisation et le fonctionnement des médias au Rwanda, pour l'intérêt général.

**Article 2: Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes :

**1° diffamation :** l'usage de fausses déclarations orales ou écrites, d'éléments visuels ou des photographies, le langage mimique, dans le but de porter atteinte à la dignité et à l'honneur de quelqu'un;

- 2° **ibigo by'itangazamakuru ricuruza:** ibigo by'ubucuruzi bikurikiza amategeko y'ubucuruzi n'amategeko agenga itangazamakuru;
- 2° **commercial media companies:** commercial companies that are subject to Laws governing business as well as those governing media;
- 2° **entreprises commerciales de médias:** entreprises commerciales soumises à la législation commerciale et à la législation qui régit les médias;
- 3° **ibigo by'itangazamakuru ridacuruza:** ibigo bitari ibya Leta bikurikiza amategeko agenga imiryango itari iya Leta n'amategeko agenga itangazamakuru;
- 3° **non-commercial media companies:** private companies that are subject to Laws governing non-governmental organizations as well as those governing media;
- 3° **entreprises non commerciales de médias:** entreprises privées soumises à la législation qui régit les organisations non gouvernementales et à la législation qui régit les médias;
- 4° **Ibinyamakuru byanditse:** inyandiko zose zashyizwe ahagaragara, zigatuburwa hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose kandi zigasohokera igihe cyagenwe;
- 4° **print media publications:** documents made public, multiplied by whatever method and regularly published in a specific period of time;
- 4° **publications de médias écrits :** écrits rendus publics, reproduits par n'importe quel mode d'impression et paraissant périodiquement ;
- 5° **ibitangazamakuru:** ibinyamakuru byanditse, interineti, radiyo na televiziyo, n'ibigo ntaramakuru bitangaza amakuru rusange cyangwa yihariye asohoka ku buryo buhoraho cyangwa mu gihe kimwe kandi kizwi kandi agamije gukwirakwizwa;
- 5° **media organs:** print media publications, internet, radio and television stations as well as news agencies that circulate, at continued or regular intervals, general or specialized pieces of information meant for being disseminated;
- 5° **organes de médias :** les publications de médias écrits, l'internet, les stations de radiodiffusion ou de télévision et les agences de médias diffusant de façon continue ou par intervalles réguliers des unités d'informations générales ou spécialisées et destinées à être diffusées ;
- 6° **ibitangazamakuru bigenewe abana:** ibitangazamakuru byose bigaragaza mu miterere cyangwa mu ntego zabyo ko bigenewe abana;
- 6° **media organs for children:** any media organ which indicates in its nature or in its objectives that it is meant for children;
- 6° **organes de publications destinées aux enfants:** toutes les publications qui, par leur caractère ou leur objet, sont destinées aux enfants ;
- 7° **Inama Nkuru y'Itangazamakuru:** Urwego rwigenga rushinzwe kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru;
- 7° **Media High Council:** Independent institution responsible for media capacity building;
- 7° **Haut Conseil des Médias:** Organe indépendant chargé du renforcement des capacités des médias;
- 8° **inkuru:** Inyandiko, amajwi, amashusho
- 8° **news:** print, audio, visual or audio-visual
- 8° **informations:** élément imprimé, audio,

*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

- cyangwa amajwi n'amashusho bikozwe mu rwego rw'itangazamakuru;
- 9° interineti:** uruhurirane rw'imiyoboro y'ibikoresho by'ikoranabuhanga bihuriza hamwe mu guhererekanya amakuru aturuka mu mpande zitandukanye z'isi hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bunyuranye;
- 10° inzu ikwirakwiza ibinyamakuru:** inzu igamije kugeza hirya no hino ibinyamakuru. Iyo nzu ishobora kuba iharanira inyungu cyangwa idaharanira inyungu;
- 11° inzu icuruza serivisi za interineti:** ahantu hagenewe kwakira abantu bashaka gukoresha interineti batanze ubwishyu;
- 12° itangazamakuru:** uburyo bwose bukoresheje inyandiko, amashusho, amajwi, cyangwa amajwi n'amashusho, amarenga cyangwa interineti, bukwirakwiza kandi bumenyekanisha muri rubanda ibyabaye, ibyo umuntu yemera, n'ibindi bitekerezo byose bishyizwe ahagaragara, hagamijwe cyane cyane kumenyeshya amakuru, kwigisha no guhugura, guteza imbere imyidagaduro cyangwa kuruhura abantu;
- 13° itangazamakuru rikoresheje interineti:** inkuru itangazwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu itumanaho
- elements that are prepared for media purposes;
- 9° internet media:** a global system of interconnected computer net works of information processing aiming at disseminating information by use of various means of communication;
- 10° company distributing Media publications:** a Company that specializes in the process of making media publications available. The company may or may not be profit-making;
- 11° internet café:** place where people can access internet services against payment of a fee;
- 12° media:** any process, whether in print, visuals, audio or audio-visual, signs or internet to disseminate, broadcast and make known to the general public facts, opinions and any other expression of thought particularly in order to inform, educate and train to promote leisure or entertainment;
- 13° internet:** Information published through the use of a high technology computerized system used to exchange information
- visuel ou audio-visuel produit dans le cadre des médias ;
- 9° internet:** système d'ordinateurs utilisés pour transmettre des informations en utilisant la haute technologie pour interconnecter plusieurs réseaux différents venant de par le monde entier;
- 10° maison de distribution des publications de médias:** maison spécialisée dans la distribution des publications. Elle peut être à but lucratif ou non lucratif;
- 11° cybercafé :** lieu qui offre des facilités d'utilisation de l'internet moyennant paiement;
- 12° médias:** tout moyen ou procédé imprimé, visuels, audio ou audiovisuel, signes ou internet permettant de diffuser et de porter à la connaissance du public des faits, des opinions ainsi que d'autres expressions de la pensée, spécialement dans le but d'informer, d'éduquer, de former et de promouvoir les sports ou loisirs ;
- 13° médias sur internet :** information publiée à l'aide de la technologie de l'information en vue de sa diffusion;

hagamijwe kuyikwirakwiza;

meant to be disseminated;

**14° itumanaho ry'itangazamakuru rikoresha inyandiko, amajwi cyangwa amajwi n'amashusho:** ubutumwa bugezwa kuri rubanda, hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho, ibimenyetso, amarenga, inyandiko, amajwi cyangwa amajwi n'amashusho, butari ubugenewe umuntu ku giti cye;

**14° print, audio or audiovisual media communication:** message transmitted to the public through signs, gestures, written works, images, sounds or messages which do not bear any characteristic of a private correspondence;

**14° communication de médias écrits, audio ou audiovisuels:** mise à la disposition du public, par un procédé de télécommunication, de signes, d'écrits, d'images, de sons ou de messages de toute nature qui n'ont pas le caractère d'une correspondance privée ;

**15° iyamamaza mu itangazamakuru:** uburyo bukozwe ku mugaragaro, hagamijwe kumenyekanisha ibitekerezo, ibyemezo cyangwa ibikorwa bijyanye n'ibicuruzwa cyangwa imirimo, guteza imbere igitekerezo, igicuruzwa, umurimo cyangwa se kwamamaza ikindi cyose nyir'ukwamamaza yifuza kugeraho;

**15° advertisement in the media:** a form of public announcement with intention to communicate opinions, decisions or trading activities or to promote an idea, a product, a service or advertising any other item as may be required by the advertiser;

**15° publicité dans les médias:** tout procédé effectué publiquement pour faire passer des opinions, des décisions ou des activités relatives aux articles de commerce ou des services, soit pour promouvoir une idée, un produit, un service, soit pour faire la publicité de toute autre chose souhaitée par l'annonceur ;

**16° uburenganzira bwo gusubiza:** uburenganzira bw'umuntu ku giti cye, amashyirahamwe, inzego za Leta cyangwa bw'umuryango wemewe n'amategeko, bwo gutangaza igitekerezo kinyuranye n'icyamuvuzweho kimutesha agaciro cyangwa kikabangamira inyungu ze biciye mu itangazamakuru;

**16° right of reply:** a right of an individual, associations, public entities or legal entity of expressing an opinion contrary to the view that undermines a person's reputation or interests through the media ;

**16° droit de réponse:** droit pour une personne physique, associations, institutions publiques ou organisation dotée de la personnalité juridique, à exprimer une opinion contraire à celle émise à son égard et qui porte atteinte à son honneur ou à ses intérêts à travers les médias;

**17° uburenganzira bwo kugorora:** uburenganzira bw'umuntu, amashyirahamwe, inzego za Leta n'imiryango yemewe n'amategeko afite bwo gusaba ko ibyatangajwe uko bitari mu

**17° right of rectification:** A right of an individual, associations, public entities and legal entities of requesting for rectifying issues that were inaccurately reported in the media;

**17° droit de rectification:** droit pour une personne physique, associations, institutions publiques et autres organisations dotées de la personnalité juridique de demander de redresser des

gitangazamakuru bishyirwa mu buryo buboneye;

**18° uburenganzira bwo gukosora:** uburenganzira umuntu amashyirahamwe, inzego za Leta cyangwa umuryango wemewe n'amategeko ufite bwo gusaba ko ibyatangajwe mu gitangazamakuru bikosorwa;

**19° umunyamakuru w'umwuga :** umuntu ufite ubumenyishingiro mu by'itangazamakuru kandi akora itangazamakuru nk'umurimo we w'ibanze.

Agomba kuba akora nibura umwe mu mirimo ikurikira:

- a. gutara inkuru ,
- b. kunononsora inkuru ,
- c. gutangaza inkuru mu gitangazamakuru iki n'iki agamije gukwirakwiza amakuru cyangwa ibitekerezo muri rubanda;

**20° Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura:** Urwego rushyirwaho n'abanyamakuru ubwabo rufite inshingano yo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame agenga umwuga wabo no kurengera inyungu rusange za rubanda;

**18° right of correction:** right of an individual, associations, public entities or legal entity of requesting for correction of what was falsely published in the media;

**19° a professional journalist:** a person who possesses basic journalism skills and who exercises journalism as his/her first profession.

He/she shall exercise at least one of the following professions:

- a. collecting information,
- b. processing information,
- c. publish/broadcast information through a given media organ with intention to disseminate information or opinions;

**20° Media Self Regulatory Body:** an organ set up by journalists themselves whose responsibility is to ensure compliance with the principles governing media and to defend the general interest;

faits inexactement rapportés dans les médias;

**18° droit de correction:** droit pour une personne physique, associations, institutions publiques ou organisation dotée de la personnalité juridique de demander la correction de ce qui a été préalablement annoncé dans les médias;

**19° journaliste professionnel:** toute personne ayant les connaissances journalistiques de base et exerçant le journalisme comme sa première profession.

Elle doit exercer au moins l'une des professions suivantes :

- a. collecte des informations,
- b. traitement des informations,
- c. diffusion des informations par le biais d'un organe de média donné dans le but de porter à la connaissance du public des faits ou des opinions ;

**20° Organe d'Autorégulation des Médias:** organe mis en place par les journalistes eux-mêmes et qui est chargé de veiller au respect des principes qui régissent les médias et à la protection de l'intérêt public ;

21° urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro: urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo kugenzura itangazamakuru;

22° Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru: Urwego rw'itangazamakuru rwigenga rukoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho ndetse na interineti rugamije inyungu rusange za rubanda.

21° national utilities statutory Regulator: a public body in charge of media regulation;

22° Rwanda Broadcasting Agency: an independant body which runs its duties in the field of audio, audio-visual or through internet in the public interest.

21° régulateur statutaire national : organe public ayant la régulation des médias dans ses attributions;

22° Agence Rwandaise d'Information: organe indépendant opérant dans le domaine de l'information audio, audio-visuel ou par voie d'internet dans l'intérêt public.

**UMUTWE WA II: UMWUGA W'UBUNYAMAKURU**

**CHAPITRE II: JOURNALISM PROFESSION**

**CHAPITRE II: PROFESSION DE JOURNALISME**

**Icyiciro cya mbere: Ibisabwa abakora umwuga w'itangazamakuru**

**Section One: Requirements for exercising journalism profession**

**Section première: Conditions exigées pour exercer la profession de journalisme**

**Ingingo ya 3: Uburenganzira bwo gukora umwuga w'itangazamakuru**

**Article 3: Right to exercise the profession of journalism**

**Article 3: Droit d'exercer la profession de journalisme**

Umunyamakuru w'umunyarwanda, yaba ukora mu kigo cy'itangazamakuru cyemewe cyangwa uwigenga cyangwa uhagarariye igitangazamakuru cy'amahanga mu Rwanda, ahabwa uburenganzira n'Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura.

A Rwandan journalist, whether exercising the profession of journalism in a registered media company or a freelance, or a representative of a foreign media organ in Rwanda, shall be given accreditation by the Media Self Regulatory Body.

Un journaliste rwandais, que ce soit celui qui exerce la profession de journalisme dans une entreprise de média agréée ou un journaliste indépendant, ou un journaliste représentant un organe de média étranger au Rwanda, reçoit son accréditation de l'Organe d'Autorégulation des Médias.

Umunyamakuru w'umunyamahanga cyangwa uw'umunyarwanda ukorera igitangazamakuru cy'amahanga, ahabwa uburenganzira n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha.

A foreign or Rwandan journalist working for a foreign media organ shall be given accreditation by a competent public organ.

Un journaliste étranger ou rwandais qui est au service d'un organe de média étranger, reçoit son accréditation de l'organe public compétent.

**Ingingo ya 4: Kugenzura itangazamakuru**

Imikorere y'itangazamakuru n'imyitwarire y'abanyamakuru umunsi ku wundi bigenzurwa n'Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura.

Icyakora, urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro runashinzwe kugenzura itangazamakuru rikoresha amajwi, amajwi n'amashusho, amashusho na interineti.

Inzego zivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo zigirana amasezerano y'imikoranire hagati yazo, n'ibikorwa zizakora.

**Icyiciro cya 2: Inshingano z'abanyamakuru n'iby babujijwe**

**Ingingo ya 5: Inshingano z'umunyamakuru**

Umunyamakuru afite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- 1° kumenyesha amakuru;
- 2° kwigisha abaturage no guteza imbere imyidagaduro;
- 3° guharanira ubwisanzure mu gutangaza amakuru, mu kuyasesengura no mu kugira icyo ayo makuru avugwaho.

**Article 4: Regulation of media**

The daily functioning of media and the conduct of journalists shall be regulated by the Media Self Regulatory Body.

However, the national utilities statutory regulator shall also carry out the regulation of audio, audio-visual media and internet.

Organs referred to under Paragraphs One and 2 of this Article shall have a joint working agreement and shall determine their plan of action.

**Section 2: Obligations and restrictions of journalists**

**Article 5: Obligations of a journalist**

A journalist shall have the following main obligations :

- 1° to inform;
- 2° to educate population and promote leisure activities;
- 3° to defend the freedom of information, analyse and comment on information.

**Article 4: Régulation des médias**

La régulation journalière du fonctionnement des médias et du comportement des journalistes est effectuée par l'Organe d'Autorégulation des Médias.

Toutefois, le régulateur national statutaire effectue également la régulation des médias audio, audiovisuels et des médias sur internet.

Les organes visés aux alinéas premier et 2 du présent article concluent un accord de travail entre eux et déterminent ensemble leur plan d'action.

**Section 2: Obligations et restrictions des journalistes**

**Article 5: Obligations du journaliste**

Les obligations principales du journaliste sont les suivantes :

- 1° informer ;
- 2° éduquer la population et promouvoir les loisirs;
- 3° défendre la liberté de diffuser, d'analyser et de commenter l'information.

**Ingingo ya 6: Ibyo umunyamakuru abujijwe gutangaza**

Ubugenzira bwo kumenya cyangwa gutangaza inyandiko zivuye mu Butegetsi Nshingamategeko, mu Butegetsi Nyubahirizategeko cyangwa mu Butegetsi bw'Ubucamanza bushobora kugabanywa mu gihe hagomba kubahirizwa:

- 1° ibanga ry'umutekano w'Igihugu n'iry'ubusugire bwacyo;
- 2° ibanga ry'impaka z'ubucamanza, iz'Inteko Ishinga Amategeko n'iz'Inama y'Abaminisitiri zose zibereye mu muhezo.

**Ingingo ya 7: Ibujijwe mu itangazamakuru rigenewe abana**

Itangazamakuru rigenewe abana ribujijwe by'umwihariko kuba urubuga rw'ibishushanyo, inkuru cyangwa ibitekerezo birata cyangwa byamamaza ibikorwa ibyo ari byo byose by'urugomo, urukozasoni n'ubwomanzi bishobora kubayobya no kubatesha umutwe.

**Icyiciro cya 3: Ubwisanzure bw'itangazamakuru**

**Ingingo ya 8: Ubwisanzure bwo kumenya amakuru n'ubwo kuyatangaza**

Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta.

**Article 6: Prohibited publications to a journalist**

The right to know or to publish documents from Legislative, Executive or Judicial Powers may be limited where necessary in respect of:

- 1° confidentiality in the national security and national integrity;
- 2° confidentiality of judicial proceedings, parliamentary sessions and Cabinet deliberations in camera.

**Article 7: Restrictions to media for children**

The media for children is particularly prohibited from acting as illustrations, story or opinion praising or promoting any malicious, indecent and delinquency acts that are likely to divert or demoralize them.

**Section 3: Freedom of the media**

**Article 8: Freedom to receive and broadcast information**

Freedom of the media and freedom to receive information are recognised and respected by the

**Article 6: Publications interdites au journaliste**

Le droit de prendre connaissance ou de diffuser des documents émanant des Pouvoirs Législatif, Exécutif ou Judiciaire peut être limité dans le respect :

- 1° du secret de la sécurité nationale et de l'intégrité du territoire national ;
- 2° du secret des délibérations judiciaires, des sessions parlementaires ainsi que du Conseil des Ministres tenus à huis clos.

**Article 7: Restrictions aux médias destinés aux enfants**

Les médias destinés aux enfants ne doivent pas être particulièrement un réseau d'illustrations des récits ou des opinions vantant ou promouvant tous actes de violence, d'atteinte à la pudeur et de délinquance de nature à les dérouter ou à les démoraliser.

**Section 3 : Liberté des médias**

**Article 8: Liberté de recevoir et de diffuser des informations**

La liberté des médias et celle de recevoir les informations sont reconnues et respectées par



*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

Ubwo bwisanzure bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

State. Such freedom shall be applicable in accordance with the Law.

l'Etat. Cette liberté est utilisée conformément à la loi.

Buri munyamakuru afite bwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo; ubwo burenganzira bukubiyemo bwisanzure bwo gutara, kwakira, gutanga no gutangaza amakuru n'ibitekerezo hakoreshejwe uburyo bunyuranye bw'itangazamakuru.

Every journalist has the right to freedom of opinion and expression; this right includes the right to seek, receive, give and broadcast information and ideas through any media.

Tout journaliste jouit de la liberté d'exprimer ses opinions; cette liberté comprend les prérogatives de collecter, recevoir, donner et diffuser des informations ou des opinions par les moyens des médias.

**Ingingo ya 9: Aho bwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya amakuru bugarukira**

**Article 9: Limits to freedom of opinions and information**

**Article 9: Limites à la liberté d'opinions et d'information**

Kuburizamo inkuru ntibyemewe.

Censorship of information is prohibited.

La censure de l'information n'est pas autorisée.

Icyakora bwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire iboneye, uburenganzira bwa buri muntu bwo kugira icyubahiro n'agaciro mu maso y'abandi n'ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we; bwemerwa kandi iyo butabangamiye irengerwa ry'abana.

However, the freedom of opinions and information shall not jeopardize the general public order and good morals, individual's right to honour and reputation in the public eye and to the right to inviolability of a person's private life and family; the freedom shall also be recognized if it is not detrimental to the protection of children.

Cependant la liberté d'opinions et d'information ne doivent pas nuire à l'ordre public et aux bonnes mœurs, au droit du citoyen à l'honneur et à sa réputation devant les autres citoyens, au droit à ne pas faire l'objet d'immixtion dans sa vie privée, celle de sa famille; et cette liberté n'est reconnue que si elle ne nuit pas à la protection des enfants.

**Ingingo ya 10: Uko gufatira bikorwa**

**Article 10: Modalities for seizure**

**Article 10: Modalités de saisie**

Ibikoresho by'umunyamakuru ntibifatirwa.

The material of a journalist shall not be seized.

Le matériel du journaliste ne fait pas l'objet de saisie.

Iyo habayeho icyaha mu itangazamakuru, gufatira bikorwa ku nyandiko, amajwi n'amashusho byakemanzwe.

If there is an offence in media, seizure shall be exercised on documents and audio-visual recordings which are questionable.

Lorsqu'il y a délit de presse, la saisie est opérée sur les écrits et enregistrements audiovisuels mis en cause.

Gufatira bikorwa gusa ku cyemezo cyihutirwa

Seizure shall only be exercised on urgent court

La saisie n'est ordonnée que par décision

*Official Gazette n° 10 of 11 March 2013*

cy'urukiko bitabujije urubanza gukomeza.

decision without prejudice to continuation of the proceedings.

judiciaire en référé sans préjudice du jugement sur le fond.

Mu kurangiza ibihano byafatiwe ikigo cy'Itangamakuru n'urukiko, gufatira bikorwa hakurikijwe amategeko agenga ifatira.

In order to enforce the judicial decision against a media company, seizure shall be exercised in accordance with legal provisions governing seizure.

Dans l'exécution d'une décision judiciaire contre une entreprise de médias, la saisie se fait conformément à la loi y relative.

**UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA BW'ABANYAMAKURU**

**CHAPTER III: RIGHTS OF JOURNALISTS**

**CHAPITRE III: DROITS DES JOURNALISTES**

**Ingingo ya 11: Uburenganzira bwo gushinga ikigo cy'itangamakuru**

**Article 11: Right to establish a media company**

**Article 11: Droit de création d'une entreprise de médias**

Uburenganzira bwo gushinga ikigo cy'itangamakuru bwemerewe buri muntu wese cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi, mu gihe hubahirijwe ibikubiye muri iri tegeko n'andi mategeko.

The right to establish a media company is recognized to any person or legal entity in accordance with the provisions of this Law and other laws.

Le droit de créer une entreprise de médias est reconnu à toute personne physique ou morale jouissant de la personnalité juridique dans le respect des dispositions de la présente loi et des autres lois.

**Ingingo ya 12: Uburenganzira bwo gutara amakuru**

**Article 12: Right to collect information**

**Article 12: Droit de collecte d'information**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'iri tegeko, umunyamakuru afite uburenganzira busesuye bwo kugera aho ari ho hose yakura inkuru, ubwo guperereza mu bwisanzure ku bintu birebana n'imigendekere y'Igihugu, kandi akanabitangaza hubahirizwa ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko.

Notwithstanding the provisions of Article 6 of this Law, a journalist shall have free access to all sources of information and the right to freely inquire on all events of public life, and to publish them in respect of the provisions of this Law and other Laws.

Sous réserve des dispositions de l'article 6 de la présente loi, un journaliste a libre accès à toutes les sources d'information et a droit d'enquêter librement sur tous les faits de la vie publique et de les publier dans le respect des dispositions de la présente loi et des autres lois.

**Ingingo ya 13: Iyubahirizwa ry'ibanga ry'umunyamakuru**

**Article 13: Respect of a journalist confidentiality**

**Article 13: Respect du secret professionnel du journaliste**

Ibanga ry'umunyamakuru rigomba kubahirizwa ku

Professional journalist confidentiality shall be

Le secret professionnel du journaliste lui est

birebana n'aho yataye inkuru, aho yakuye ibyo yanditse, ibyo yafashe mu majwi cyangwa mu majwi n'amashusho cyangwa ibyo yafotoye, kimwe n'inkuru yataye akayibika ku buryo bw'ikoranabuhanga.

Icyakora, urukiko rushobora gutegeka umunyamakuru kuvuga aho yakuye amakuru, igihe bibaye ngombwa ko hakorwa iperereza cyangwa ikurikiranabyaha.

**Ingingo ya 14: Uburenganzira bw'umunyamakuru bwo kwifashisha undi muntu n'abamuha amabwiriza**

Umunyamakuru, mu mwuga we, ashobora kwifashisha umuntu wese abonamo ubushobozi buhagije kugira ngo asesengure cyangwa agire icyo avugako ku nkuru iyo ari yo yose. Ntashobora ariko kuryozwa ibyo uwo muntu yavuze bigatangazwa uko biri.

Umunyamakuru afite uburenganzira bwo kwanga igitutu icyo ari cyo cyose, kandi ahabwa amabwiriza n'abayobozi b'ubwanditsi bw'ikinyamakuru cyangwa igitangazamakuru akorera gusa.

**Ingingo ya 15: Uburyo umunyamakuru asaba kurenganurwa**

Umunyamakuru warenganyijwe mu burenganzira yemerewe muri iri tegeko ashobora kwitabaza Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura cyangwa

guaranteed in respect of his/her sources of information, notes, audio or audiovisual recordings or film shooting as well as any information collected and stored electronically.

However, the court may order a journalist to reveal his/her sources of information whenever it is considered necessary for purposes of carrying out investigations or criminal proceedings.

**Article 14: Right of a journalist to call on any resourceful person and those who provide instructions to him/her**

